



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 03/08/2023

Year 62
Official Gazette n° Special of
03/08/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
03/08/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Amateka ya Perezida/ Presidential Orders/ Arrêté Présidentiels

Iteka rya Perezida n° 049/01 ryo ku wa 02/08/2023 rishyiraho Ikigo cy'u Rwanda cy'Ibimenyetso bishingiye ku Bumenyi n'Ubuganga bikoreshwa mu Butabera.....3
Presidential Order n° 049/01 of 02/08/2023 establishing Rwanda Forensic Institute.....3
Arrêté Présidentiel n° 049/01 du 02/08/2023 portant création de l'Institut Rwandais de Médecine Légale.....3

Iteka rya Perezida n° 050/01 ryo ku wa 02/08/2023 rigenga Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda.....27
Presidential Order n° 050/01 of 02/08/2023 governing National Institute of Statistics of Rwanda.....27
Arrêté Présidentiel n° 050/01 du 02/08/2023 régissant l'Institut National de la Statistique du Rwanda.....27

Iteka rya Perezida n° 051/01 ryo ku wa 02/08/2023 rigenga Ikigega cy'Imari yo Gusana Imihanda.....51
Presidential Order n° 051/01 of 02/08/2023 governing Road Maintenance Fund.....51
Arrêté présidentiel n° 051/01 du 02/08/2023 régissant le Fonds d'Entretien Routier.....51

Iteka rya Perezida n° 052/01 ryo ku wa 02/08/2023 rigenga Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta.....75
Presidential Order n° 052/01 of 02/08/2023 governing Rwanda Public Procurement Authority.....75
Arrêté Présidentiel n° 052/01 du 02/08/2023 régissant l'Office Rwandais des Marchés Publics.....75

ITEKA RYA PEREZIDA N° 051/01 RYO KU WA 02/08/2023 RIGENGA IKIGEGA CY'IMARI YO GUSANA IMIHANDA <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Icyiciro <u>Ingingo ya 3:</u> Urwego rureberera RMF <u>Ingingo ya 4:</u> Icyicaró <u>UMUTWE WA II:</u> INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA <u>Ingingo ya 5:</u> Intego <u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano <u>Ingingo ya 7:</u> Ububasha <u>UMUTWE WA III:</u> IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE <u>Ingingo ya 8:</u> Inzego z'ubuyobozi	PRESIDENTIAL ORDER N° 051/01 OF 02/08/2023 GOVERNING ROAD MAINTENANCE FUND <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Category <u>Article 3:</u> Supervising authority of RMF <u>Article 4:</u> Head Office <u>CHAPTER II:</u> MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS <u>Article 5:</u> Mission <u>Article 6:</u> Responsibilities <u>Article 7:</u> Powers <u>CHAPTER III:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING <u>Article 8:</u> Management organs	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 051/01 DU 02/08/2023 RÉGISSANT LE FONDS D'ENTRETIEN ROUTIER <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2:</u> Catégorie <u>Article 3:</u> Autorité de tutelle du RMF <u>Article 4:</u> Siège <u>CHAPITRE II:</u> MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS <u>Article 5:</u> Mission <u>Article 6:</u> Attributions <u>Article 7:</u> Pouvoirs <u>CHAPITRE III:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT <u>Article 8:</u> Organes de direction
---	---	--

<u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Section One: Board of Directors</u>	<u>Section première: Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 9:</u> Umubare na manda by'abagize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 9:</u> Number and term of office of members of the Board of Directors	<u>Article 9:</u> Nombre et mandat des membres du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 10:</u> Additional responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 10:</u> Attributions additionnelles du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 11:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Powers of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 12:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Vice-Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava mu mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 14:</u> Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement	<u>Article 14:</u> Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 15:</u> Kumenyekanisha ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangiza manda	<u>Article 15:</u> Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire	<u>Article 15:</u> Notification d'un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer
<u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n'iterana by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 16:</u> Convening and holding of a meeting of the Board of Directors and decision-making	<u>Article 16:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et prise de décisions
<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ry'undi muntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 17:</u> Invitation of a resource person to a meeting of the Board of Directors	<u>Article 17:</u> Invitation d'une personne ressource à une réunion du Conseil d'Administration

<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 19:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa	<u>Article 20:</u> Personal interest in an issue on the agenda	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans un point à l'ordre du jour
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa	<u>Section 2:</u> Executive Organ	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 21:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 21:</u> Composition of Executive Organ	<u>Article 21:</u> Composition de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 22:</u> Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 22:</u> Additional responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 22:</u> Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 23:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru	<u>Article 23:</u> Powers and responsibilities of the Director General	<u>Article 23 :</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général
<u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije	<u>Article 24:</u> Responsibilities of the Deputy Director General	<u>Article 24:</u> Attributions du Directeur Général Adjoint
<u>UMUTWE WA IV:</u> UMUTUNGO N'IMARI	<u>CHAPTER IV:</u> PROPERTY AND FINANCE	<u>CHAPITRE IV:</u> PATRIMOINE ET FINANCES
<u>Ingingo ya 25:</u> Umutungo n'inkomoko yawo	<u>Article 25:</u> Property and its sources	<u>Article 25:</u> Patrimoine et ses sources
<u>Ingingo ya 26:</u> Ingengo y'imari	<u>Article 26:</u> Budget	<u>Article 26:</u> Budget

<u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 27:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 27:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 27:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 28:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 28:</u> Language provision	<u>Article 28:</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 29:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 29:</u> Entry into force	<u>Article 29:</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 051/01 RYO KU WA 02/08/2023 RIGENGA IKIGEGA CY'IMARI YO GUSANA IMIHANDA Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112 n'iya 139; Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2020.OL ryo ku wa 08/06/2020 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4; Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 06/06/2023 imaze kubisuzuma no kubyemeza; DUTEGETSE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	PRESIDENTIAL ORDER N° 051/01 OF 02/08/2023 GOVERNING ROAD MAINTENANCE FUND We, KAGAME Paul, President of the Republic; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112 and 139; Pursuant to Organic Law n° 001/2020.OL of 08/06/2020 establishing general provisions governing public institutions, especially in Article 4; On proposal by the Minister of Public Service and Labour; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 06/06/2023; DO ORDER: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 051/01 DU 02/08/2023 RÉGISSANT LE FONDS D'ENTRETIEN ROUTIER Nous, KAGAME Paul, Président de la République; Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112 et 139; Vu la Loi Organique n° 001/2020.OL du 08/06/2020 portant dispositions générales régissant les établissements publics, spécialement en son article 4; Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 06/06/2023; ARRÊTONS: <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
--	---	--

<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena intego, inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere by'Ikigega cy'Imari yo Gusana Imihanda, cyitwa "RMF" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. <u>Ingingo ya 2:</u> Icyiciro RMF iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi. <u>Ingingo ya 3:</u> Urwego rureberera RMF RMF irebererwa na Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano. <u>Ingingo ya 4:</u> Icyicar (1) Icyicar cya RMF kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri. (2) RMF ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu, bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe na Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano.	<u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines mission, responsibilities, powers, organisation and functioning of Road Maintenance Fund, abbreviated as "RMF". <u>Article 2:</u> Category RMF falls within the category of non-commercial public institutions. <u>Article 3:</u> Supervising authority of RMF RMF is under the supervision of the Ministry in charge of infrastructure. <u>Article 4:</u> Head Office (1) The Head Office of RMF is located in the City of Kigali. It may, if considered necessary, be relocated elsewhere on the Rwandan territory, upon approval by the Cabinet. (2) RMF may, if considered necessary, have branches elsewhere in the country in order to fulfil its mission, upon approval by the Ministry in charge of infrastructure.	<u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine la mission, les attributions, les pouvoirs, l'organisation et le fonctionnement du Fonds d'Entretien Routier, dénommé « RMF » en sigles anglais. <u>Article 2:</u> Catégorie Le RMF rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non-commercial. <u>Article 3:</u> Autorité de tutelle du RMF Le RMF est placé sous la tutelle du Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions. <u>Article 4:</u> Siège (1) Le siège du RMF est établi dans la Ville de Kigali. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda, sur approbation du Conseil des Ministres. (2) Le RMF peut avoir des branches en tout autre lieu du territoire national, en cas de besoin, pour remplir sa mission, sur approbation du Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions.
--	--	--

UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA	CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS	CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS
<u>Ingingo ya 5: Intego</u> RMF ifite intego yo gusana mu buryo buboneye imihanda igenwa hagamiywe iterambere rirambye ry'ubukungu bw'Igihugu hagendewe kuri politiki z'Igihugu zashyizweho. <u>Ingingo ya 6: Inshingano</u> Inshingano za RMF ni izi zikurikira: (a) kwakira, gucunga neza, no gutanga amafaranga akoreshwa mu gusana imihanda ya Leta, iy'Uturere n'iy'Umujyi wa Kigali yo mu rwego rwa mbere n'indi mihanda yagenwa na Minisitiri ufite ibikorwa remezo mu nshingano; (b) gufatanya n'izindi nzego zibishinzwe mu gutegura gahunda y'isanwa ry'imihanda RMF itangaho amafaranga; (c) gusuzuma ko ibitabo by'ipiganwa byerekeranye n'imirimo n'inyigo z'imishinga yo gusana imihanda	<u>Article 5: Mission</u> RMF has the mission of efficiently maintaining the classified road network for sustainable development of the national economy in line with the national policies in place. <u>Article 6: Responsibilities</u> Responsibilities of RMF are the following: (a) to receive, effectively manage, disburse funds for the maintenance of National, Districts and City of Kigali Class One roads and other roads as may be determined by the Minister in charge of infrastructure; (b) to collaborate with other relevant organs in preparation of road maintenance programmes which are funded by RMF; (c) to ensure that road maintenance tender and feasibility study documents are in compliance with the law prior to the	<u>Article 5: Mission</u> Le RMF a la mission d'assurer l'entretien efficace des routes déterminées en vue du développement durable de l'économie nationale en conformité avec les politiques nationales mises en place. <u>Article 6: Attributions</u> Les attributions du RMF sont les suivantes: (a) recevoir, bien gérer et débloquer les fonds d'entretien des routes nationales, des Districts et de la Ville de Kigali classées dans la première catégorie et d'autres routes déterminées par le Ministre ayant les infrastructures dans ses attributions; (b) collaborer avec d'autres institutions dans la planification des travaux d'entretien routiers financés par le RMF; (c) s'assurer que les documents d'appel d'offres et d'étude de faisabilité d'entretien des routes sont en

byakurikije amategeko mbere y'uko imirimo yo gusana imihanda yemererwa amafaranga; (d) gusuzuma ko imirimo yishyuzwa yakozwe nk'uko byari biteganyijwe mu masezerano yashyizweho umukono; (e) gushyikirana no gukorana n'ibindi bigega by'imari byo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga bifite intego zifitanye isano n'iya RMF; (f) gutanga ingurane ku mitungo y'abaturage yangijwe n'isanwa ry'imihanda yagaragajwe mu gaka ka (a) k'iyi ngingo hakurikijwe amategeko abigenga; (g) gukora indi nshingano itanyuranyije n'intego yayo, yahabwa n'itegeko cyangwa inzego zibifitiye ububasha. <u>Ingingo ya 7: Ububasha</u> RMF ifite ububasha bukurikira: (a) gushora imari hakurikijwe amategeko abigenga;	approval of the release of funds for road maintenance works; (d) to verify whether works that require payments were effectively conducted as it was planned in the signed contract; (e) to cooperate and collaborate with other regional and international funds having a similar mission to that of RMF. (f) to compensate people affected by the maintenance of roads indicated in Subparagraph (a) of this Article in accordance with relevant laws; (g) to perform any other responsibility that is not contrary to its mission, as may be assigned to it by law or by competent organs. <u>Article 7: Powers</u> RMF has the following powers: (a) to engage in investments in accordance with relevant laws;	conformité avec la loi avant l'approbation de déblocage des fonds pour les travaux d'entretien des routes; (d) vérifier que les travaux à payer ont été effectivement réalisés tels que prévus par le contrat signé; (e) coopérer et collaborer avec d'autres fonds tant régionaux qu'internationaux ayant la même mission que celle du RMF; (f) indemniser la population affectée par l'entretien des routes indiquées à l'alinéa (a) du présent article conformément aux lois en la matière; (g) remplir toute autre attribution qui n'est pas contraire à sa mission, qui peut lui être attribuée par la loi ou par des organes compétents. <u>Article 7: Pouvoirs</u> Le RMF a les pouvoirs suivants: (a) effectuer des investissements conformément aux lois en la matière ;
--	---	--

(b) gufungura konti muri banki z'ubucuruzi. <u>UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE</u> <u>Ingingo ya 8: Inzego z'ubuyobozi</u> Inzego z'ubuyobozi za RMF ni izi zikurikira: (a) Inama y'Ubuyobozi; (b) Urwego Nshingwabikorwa. <u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi</u> <u>Ingingo ya 9: Umubare na manda by'abagize Inama y'Ubuyobozi</u> (1) Inama y'Ubuyobozi ya RMF igizwe n'abantu barindwi. (2) Abagize Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe.	(b) to open accounts in commercial banks. <u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING</u> <u>Article 8: Management organs</u> The management organs of RMF are as follows: (a) the Board of Directors; (b) the Executive Organ. <u>Section One: Board of Directors</u> <u>Article 9: Number and term of office of members of the Board of Directors</u> (1) The Board of Directors of RMF is composed of seven members. (2) Members of the Board of Directors serve a term of office of five years renewable once.	(b) ouvrir des comptes dans des banques commerciales. <u>CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u> <u>Article 8 : Organes de direction</u> Les organes de direction du RMF sont les suivants: (a) le Conseil d'Administration; (b) l'Organe Exécutif. <u>Section première: Conseil d'Administration</u> <u>Article 9: Nombre et mandat des membres du Conseil d'Administration</u> (1) Le Conseil d'Administration du RMF est composé de sept membres. (2) Les membres du Conseil d'Administration ont un mandat de cinq ans renouvelable une fois.
--	---	--

<u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Inama y'Ubuyobozi ya RMF ifite inshingano z'inyongera zikurikira: (a) kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RMF no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari; (b) gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe n'iy'umwaka kuri Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano; (c) gufata icyemezo ku kibazo cyose kiri mu nshingano za RMF.	<u>Article 10:</u> Additional responsibilities of the Board of Directors Subject to provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Board of Directors of RMF has the following additional responsibilities: (a) to approve the draft budget proposal of RMF and to monitor the budget execution; (b) to submit a quarterly and annual report to the Ministry in charge of infrastructure; (c) to decide on any matter falling within the responsibilities of RMF.	<u>Article 10:</u> Attributions additionnelles du Conseil d'Administration Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, le Conseil d'Administration du RMF a les attributions additionnelles suivantes: (a) approuver l'avant-projet de budget du RMF et assurer le suivi de l'exécution du budget; (b) soumettre un rapport d'activités trimestriel et annuel au Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions; (c) décider de toute question relevant des attributions du RMF.
<u>Ingingo ya 11:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi Inama y'Ubuyobozi ya RMF ni rwo rwego ruyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya RMF hakurikijwe amategeko.	<u>Article 11:</u> Powers of the Board of Directors The Board of Directors of the RMF is the supreme management and decision-making organ. It is vested with extensive powers to make decisions regarding the administration, human resources and property of RMF in accordance with laws.	<u>Article 11:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration Le Conseil d'Administration du RMF est l'organe suprême de direction et de prise de décisions. Il est investi de pouvoirs les plus étendus de prendre les décisions en ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine du RMF conformément aux lois.

<u>Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida w’Inama y’Ubuyobozi</u> Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ya RMF afite inshingano zikurikira: (a) kuyobora Inama y’Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo; (b) gutumiza no kuyobora inama z’Inama y’Ubuyobozi; (c) gushyikiriza inyandikomvugo z’inama y’Ubuyobozi Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano; (d) gushyikiriza raporo za RMF zemejwe n’Inama y’Ubuyobozi inzego zibigenewe; (e) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi; (f) gukora undi murimo yababwaho n’Inama y’Ubuyobozi uri mu nshingano zayo.	<u>Article 12: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors</u> The Chairperson of the Board of Directors of RMF has the following responsibilities: (a) to chair the Board of Directors and coordinate its activities; (b) to convene and preside over meetings of the Board of Directors; (c) to submit minutes of meetings of the Board of Directors to the Ministry in charge of Infrastructure; (d) to submit the reports of RMF to relevant organs as approved by the Board of Directors; (e) to make a follow-up on the implementation of the resolutions of the Board of Directors; (f) to perform any other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within its responsibilities.	<u>Article 12: Attributions du Président du Conseil d’Administration</u> Le Président du Conseil d’Administration du RMF a les attributions suivantes : (a) diriger le Conseil d’Administration et coordonner ses activités; (b) convoquer et présider les réunions du Conseil d’Administration; (c) soumettre les procès-verbaux de réunions du Conseil d’Administration au Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions; (d) soumettre aux organes concernés les rapports du RMF adoptés par le Conseil d’Administration; (e) assurer le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d’Administration; (f) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d’Administration que ce dernier peut lui confier.
--	--	---

<u>Ingingo ya 13: Inshingano za Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi</u> Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ya RMF afite inshingano zikurikira: (a) kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari; (b) gukora undi murimo yahabwa n’Inama y’Ubuyobozi uri mu nshingano zayo.	<u>Article 13: Responsibilities of the Vice-Chairperson of the Board of Directors</u> The Vice-Chairperson of the Board of Directors of RMF has the following responsibilities: (a) to assist the Chairperson and replace him or her in case of absence; (b) to perform any other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within its responsibilities.	<u>Article 13 : Attributions du Vice-Président du Conseil d’Administration</u> Le Vice-Président du Conseil d’Administration du RMF a les attributions suivantes: (a) assister le Président et le remplacer en cas d’absence; (b) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d’Administration que ce dernier peut lui confier.
<u>Ingingo ya 14: Impamvu zituma ugize Inama y’Ubuyobozi ava mu mwanya n’uko asimburwa</u> (1) Ugize Inama y’Ubuyobozi ya RMF mu mwanya iyo – (a) manda ye irangiye; (b) yeguye akoresheje inyandiko; (c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga cyangwa uburwayi byemejwe n’umuganga wemewe na Leta;	<u>Article 14: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement</u> (1) A member of the Board of Directors of RMF loses membership when – (a) his or her term of office expires; (b) he or she resigns in writing; (c) he or she is no longer able to perform his or her responsibilities due to disability or illness certified by a recognised medical doctor;	<u>Article 14 : Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d’Administration et modalités de remplacement</u> (1) Un membre du Conseil d’Administration du RMF cesse d’être membre lorsque – (a) son mandat expire; (b) il démissionne par écrit; (c) il n’est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de handicap ou de maladie constatée par un médecin agréé;

(d) akatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka; (e) abangamira inyungu za RMF; (f) asibye inama inshuro eshatu zikurikirana nta mpamvu ifite ishingiro; (g) agaragaje imyitwarire iyo ari yo yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego akorera; (h) atacyujye impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya; (i) cyangwa apfuye. (2) Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RMF avuye mu mwanya mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye.	(d) he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement rendered in the last instance; (e) he or she jeopardizes the interests of RMF; (f) he or she is absent in meetings for three consecutive times without valid reason; (g) he or she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or the institution for which he or she works; (h) he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; or (i) he or she dies. (2) In case a member of the Board of Directors of RMF ceases to be a member before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office.	(d) il est condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement rendu en dernier ressort; (e) il compromet les intérêts du RMF; (f) il est absent aux réunions pendant trois fois consécutives sans motif valable; (g) il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de l'institution pour laquelle il travaille; (h) il ne remplit plus les conditions sur la base desquelles il avait été nommé; ou (i) il décède. (2) Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration du RMF cesse d'être membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur.
--	---	---

<u>Ingingo ya 15:</u> Kumenyekanisha ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangiza manda Iyo hari ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangiza manda, Umuyobozi Mukuru wa RMF abimenyeshya, mu nyandiko, Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano hasigaye nibura iminsi 90 ngo manda irangire. <u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n'iterana by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwariy'ibyemezo (1) Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RMF iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo, cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu cy'abayigize. (2) Ubutumire na gahunda y'inama bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi 15 ngo inama iterane.	<u>Article 15:</u> Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire In case there is a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire, the Director General of RMF notifies, in writing, the Ministry in charge of infrastructure, at least 90 days before the expiry of the term of office. <u>Article 16:</u> Convening and holding of a meeting of the Board of Directors and decision-making (1) The meeting of the Board of Directors of RMF is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or at the request in writing of at least one-third of its members. (2) The invitation and agenda are submitted in writing to the members of the Board of Directors at least 15 days before the meeting is held.	<u>Article 15:</u> Notification d'un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer Lorsqu'il y a un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer, le Directeur Général du RMF le notifie, par écrit, au Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions, au moins 90 jours avant la fin du mandat. <u>Article 16:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et prise de décisions (1) La réunion du Conseil d'administration du RMF se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite d'un tiers au moins de ses membres. (2) L'invitation et l'ordre du jour sont adressés par écrit aux membres du Conseil d'administration au moins 15 jours avant la tenue de la réunion.
---	--	--

(3) Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu kugira ngo iterane. (4) Mu byigwa n’Inama y’Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy’umwaka, harimo kwemeza raporo y’imari n’iy’ibikorwa by’umwaka urangiye. (5) Buri gihembwe kandi, Inama y’Ubuyobozi ya RMF isuzuma kandi raporo y’imari n’iy’ibikorwa byerekeranye n’igihembwe kirangiye zigashyikirizwa Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano. (6) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y’Inama y’Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu by’abayigize. (7) Umuyobozi Mukuru wa RMF yitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi ya RMF. (8) Uburyo Inama y’Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n’amategeko ngengamikorere ya RMF.	(3) However, the extraordinary meeting is convened in writing at least three days before it is held. (4) Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial report and the activity report of the previous year. (5) Every quarter, the Board of Directors of RMF also examines the financial and activity reports relating to the previous quarter to be transmitted to Ministry in charge of infrastructure. (6) The quorum for a meeting of the Board of Directors is two-thirds of its members. (7) The Director General of RMF attends meetings of the Board of Directors of RMF. (8) Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of RMF.	(3) Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois jours avant sa tenue. (4) Parmi les points à examiner par le Conseil d’Administration au cours du premier trimestre figure l’approbation du rapport financier et du rapport d’activités de l’année précédente. (5) Chaque trimestre, le Conseil d’administration du RMF examine également le rapport financier et celui d’activités relatifs au trimestre précédent et les soumet au Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions. (6) Le quorum de la réunion du Conseil d’Administration du RMF est de deux tiers de ses membres. (7) Le Directeur Général du RMF participe aux réunions du Conseil d’Administration. (8) Les modalités de prise de décisions par le Conseil d’Administration sont déterminées par le règlement d’ordre intérieur du RMF.
---	---	--

<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ry’undi muntu ushobora kuyungura inama (1) Inama y’Ubuyobozi ya RMF ishobora gutumira mu nama yayo undi umuntu ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w’ibygwa. (2) Uwatumiwe ntiyemerewe gutora cyangwa gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibygwa.	<u>Article 17:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors (1) The Board of Directors of RMF may invite to its meeting a resource person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. (2) The invited person is not allowed to vote or to follow debates on other items on the agenda.	<u>Article 17:</u> Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’Administration (1) Le Conseil d’Administration du RMF peut inviter à sa réunion une personne ressource dont il peut obtenir des conseils sur un point à l’ordre du jour. (2) La personne invitée n’est autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d’autres points à l’ordre du jour.
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi n’inyandikomvugo yayo (1) Inyandiko y’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RMF ishyirwaho umukono n’abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa Minisitiri ifite ibikorwa remezo mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi itanu. (2) Minisitiri ufite ibikorwa remezo mu nshingano atanga ibitekerezo ku byemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi 15 kuva abishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo abivuzeho, ibyo	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors (1) A document of resolutions of the meeting of the Board of Directors of RMF is signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the Ministry in charge of infrastructure within five days. (2) The Minister in charge of infrastructure gives his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within 15 days from receipt thereof. If this period expires before giving his or her views, those	<u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration (1) Un document des résolutions du Conseil d’Administration du RMF est immédiatement signé par ses membres après la réunion et sa copie est transmise au Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions dans cinq jours. (2) Le Ministre ayant les infrastructures dans ses attributions donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d’Administration dans les 15 jours à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont

byemezo biba byemejwe burundu. (3) Inyandikomvugo y'Inama y'Ubuyobozi ya RMF ishyirwaho umukono n'umuyobozi w'inama n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi 15 guhera ku munsu yemerejweho.	resolutions are considered definitively approved. (3) The minutes of the meeting of the Board of Directors of RMF are signed by the chairperson of the meeting and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the Ministry in charge of infrastructure within 15 days from the date of approval.	réputées définitivement approuvées. (3) Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration du RMF est signé par le président de la réunion et son rapporteur et approuvé à la réunion suivante. Une copie du procès-verbal est transmise au Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions dans les 15 jours à partir de la date de son approbation.
<u>Ingingo ya 19: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi</u> (1) Umuyobozi Mukuru wa RMF ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RMF, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora. (2) Umuyobozi Mukuru wa RMF ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe, abagize Inama y'Ubuyobozi ya RMF bitabiriye inama bitoramo umwanditsi.	<u>Article 19: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors</u> (1) The Director General of RMF serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors of RMF, but he or she has no right to vote in decision-making. (2) The Director General of RMF does not attend meetings that examine issues concerning him or her. In that case, members of the Board of Directors present at the meeting elect among themselves a rapporteur.	<u>Article 19: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration</u> (1) Le Directeur général du RMF est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration du RMF, mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions. (2) Le Directeur Général du RMF ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions sur des questions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration présents à la réunion élisent parmi eux un rapporteur.

<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa (1) Umwe mu bagize Inama y’Ubuyobozi ya RMF ufite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, ahita amenyesha Inama y’Ubuyobozi aho iyo inyungu ishingiyeye. (2) Ugize Inama y’Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo. (3) Iyo bigaragaye ko benshi mu bagize Inama y’Ubuyobozi cyangwa abayigize bose bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa ku buryo bidashoboka kugifataho icyemezo, icyo kibazo gishyikirizwa Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano, ikagifataho icyemezo mu gihe kitarenze iminsi 30 kuva igishyikirijwe.	<u>Article 20:</u> Personal interest in an issue on the agenda (1) A member of the Board of Directors of RMF who has a direct or indirect interest in an issue to be considered, informs immediately the Board of Directors about where that interest lies. (2) A member of the Board of Directors who disclosed his or her interest in an issue under consideration does not attend the meeting deliberating on that issue. (3) If it happens that many or all of the members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in an issue to be considered in such a way that it is impossible to decide on the issue, the issue is submitted to the Ministry in charge of infrastructure, which takes a decision within 30 days from reception thereof.	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans un point à l’ordre du jour (1) Un membre du Conseil d’Administration du RMF qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner informe immédiatement le Conseil d’Administration où cet intérêt repose. (2) Un membre du Conseil d’Administration qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce point. (3) Lorsqu’il apparaît que beaucoup de membres ou tous les membres du Conseil d’Administration ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décisions sur ce point devienne impossible, ce point est soumis au Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions pour décision dans les 30 jours à partir de sa réception.
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa	<u>Section 2:</u> Executive Organ	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif

<u>Ingingo ya 21:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 21:</u> Composition of Executive Organ	<u>Article 21:</u> Composition de l'Organe Exécutif
Urwego Nshingwabikorwa rwa RMF rugizwe n'Umuyobozi Mukuru. Rushobora kandi kugira Umuyobozi Mukuru Wungirije iyo bibaye ngombwa.	The Executive Organ of RMF is comprised of the Director General. It may also have a Deputy Director General when considered necessary.	L'Organe Exécutif du RMF est composé du Directeur Général Il peut également avoir un Directeur Général Adjoint en cas de besoin.
<u>Ingingo ya 22:</u> Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 22:</u> Additional responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 22:</u> Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif
Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko ngenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa RMF rufite inshingano z'inyongera zikurikira:	Subject to provisions of Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of RMF has the following additional responsibilities:	Sous réserve des dispositions de la Loi organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l'Organe Exécutif du RMF a les attributions additionnelles suivantes:
(a) gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri muni bya RMF; (b) gukora undi murimo rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ujyanye n'inshingano za RMF.	(a) to monitor and coordinate daily activities of RMF; (b) to perform any other duty as may be assigned to it by the Board of Directors falling within the responsibilities of RMF.	(a) assurer le suivi et la coordination des activités quotidiennes du RMF ; (b) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du RMF que le Conseil d'Administration peut lui confier.
<u>Ingingo ya 23:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru	<u>Article 23:</u> Powers and responsibilities of the Director General	<u>Article 23:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général
(1) Umuyobozi Mukuru afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya RMF akurikije amategeko abigenga. Ahuza	(1) The Director General has the power of decision-making in the administrative and financial management of RMF in accordance with relevant laws. He or	(1) Le Directeur Général dispose du pouvoir de prise de décisions dans la gestion administrative et financière du RMF conformément à la législation en

kandi akayobora ibikorwa bya RMF.	she also coordinates and directs the activities of RMF.	la matière. Il coordonne et dirige également les activités du RMF.
(2) By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:	(2) Specifically, the Director General has the following responsibilities:	(2) En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes:
(a) guhagararira RMF imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;	(a) to serve as the legal representative of RMF and publicise its activities;	(a) être le représentant légal du RMF et faire connaître ses activités;
(b) kuba umuvugizi wa RMF;	(b) to serve as the spokesperson of RMF;	(b) servir de porte-parole du RMF;
(c) kugeza raporo y'ibikorwa bya RMF ku Nama y'Ubuyobozi rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa;	(c) to submit to the Board of Directors the activity report of RMF once a quarter and whenever necessary;	(c) transmettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités du RMF une fois par trimestre et chaque fois que de besoin;
(d) gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RMF;	(d) to prepare the draft of internal rules and regulations of RMF;	(d) préparer le projet de règlement d'ordre intérieur du RMF;
(e) gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;	(e) to prepare and submit to the Board of Directors a draft action plan and a draft budget proposal for the following fiscal year as well as the report on the execution of the budget of the previous fiscal year;	(e) élaborer et transmettre au Conseil d'Administration le projet du plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant, ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'exercice précédent;
(f) gushyira mu bikorwa ingengo	(f) to ensure the execution of the	(f) assurer l'exécution du budget et la

y'imari no gucunga umutungo wa RMF no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; (g) gukora undi murimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ujyanye n'inshingano za RMF. <u>Ingingo ya 24: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije</u> Umuyobozi Mukuru Wungirije afite inshingano zikurikira: (a) kunganira Umuyobozi Mukuru no kumusimbura igihe adahari; (b) gukora undi murimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ujyanye n'inshingano za RMF. <u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI</u> <u>Ingingo ya 25: Umutungo n'inkomoko yawo</u> (1) Umutungo wa RMF ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.	budget and management of the property of RMF and submit related report to the Board of Directors; (g) to perform any other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within the responsibilities of RMF. <u>Article 24: Responsibilities of the Deputy Director General</u> The Deputy Director General has the following responsibilities: (a) to assist the Director General and replace him or her in case of absence; (b) to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within the responsibilities of RMF. <u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE</u> <u>Article 25: Property and its sources</u> (1) The property of RMF is comprised of movable and immovable assets.	gestion du patrimoine du RMF et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; (g) effectuer toute autre tâche que le Conseil d'Administration peut lui confier relevant des attributions du RMF. <u>Article 24: Attributions du Directeur Général Adjoint</u> Le Directeur Général Adjoint a les attributions suivantes: (a) assister le Directeur Général et le remplacer en cas d'absence; (b) effectuer toute autre tâche que le Conseil d'Administration peut lui confier relevant des attributions du RMF. <u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES</u> <u>Article 25: Patrimoine et ses sources</u> (1) Le patrimoine du RMF est composé de biens meubles et immeubles.
--	--	---

(2) Umutungo wa RMF ukomoka kuri ibi bikurikira: (a) ingengo y'imari igenwa na Leta; (b) inkunga z'abafatanyabikorwa; (c) ibituruka ku mirimo ikora; (d) inyungu z'ibikomoka ku mutungo wayo; (e) inguzanyo zihabwa RMF zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze; (f) amahoro yo gukoresha imihanda atangwa kuri lisansi na mazutu; (g) amahoro y'imihanda atangwa n'imodoka z'inyamahanga; (h) indishyi zitangwa n'abonona imihanda ya Leta; (i) amafaranga acibwa imodoka ipakiye birenze ubushobozi bwayo bwemewe; (j) impano n'indangano.	(2) The property of RMF derives from the following sources: (a) State budget allocations; (b) partners' subsidies; (c) income from services provided; (d) interests from its property; (e) loans granted to RMF as approved by the Minister in charge of finance; (f) road user charge levied on gas oil and petrol; (g) road toll levied on foreign registered vehicles; (h) compensation for damages caused to the national road network; (i) vehicle overload fee; (j) donations and bequests.	(2) Le patrimoine du RMF provient des sources suivantes: (a) les allocations budgétaires de l'État; (b) les subventions des partenaires; (c) les revenus des services fournis; (d) les intérêts de son patrimoine; (e) les prêts accordés à RMF approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions; (f) les redevances d'usage routier sur le gazole et l'essence; (g) les redevances routières sur les véhicules étrangers; (h) les indemnisations pour dégâts causés au réseau routier national; (i) les frais de surcharge de véhicule; (j) les dons et legs.
--	--	---

<u>Ingingo ya 26: Ingingo y'imari</u> RMF itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha. <u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 27: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u> Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka <u>Ingingo ya 28: Ingingo y'ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 29: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 08/06/2022.	<u>Article 26: Budget</u> RMF prepares its annual budget to be approved by the relevant authority. <u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 27: Authorities responsible for the implementation of this Order</u> The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Infrastructure and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. <u>Article 28: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 29: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 08/06/2022.	<u>Article 26: Budget</u> Le RMF prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente. <u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 27: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u> Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre des Infrastructures et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. <u>Article 28: Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 29: Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 08/06/2022.
---	--	---

Kigali, 02/08/2023

(Sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(Sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w’Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(Sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux